Gitarama, kuwa 15 FEV 1993
n° 297/04.18

REPUPBLIKA Y'U RWANDA
PREFEKTURA YA GITARAMA

Bwana Minist●ri w'Imirimo ya Leta n'Ingufu
KIGALI

Bwana Ministri,

Nkurikije ibaruwa yanyu n° 11.03.031/4412 yo kuwa 15/04/1992 mwandikiye umuryango wa Nyakwigendwa Dominiko MBONYUMUTWA nanjye mukayimpera kopi :

Mbabajwe no kubona ibyo mwasezeraniye uwo muryango bitarakozwe ku birebana n'iyubahiriza rya gahunda mwari mwihaye mu rwego rwo gushyira mu bikorwa icyifuzo cyawo cyo gutunganya imva y'uwo mubyeyi Igihugu cyari cyiyemeje guha icyubahiro cyimukwiye mu ishyingurwa rye.
Nk'uko bigaragara mu rwandiko rwanyu navuze haruguru, imirimo yari iteganyijwe gutangira kwa 14 Mata 1992 ikarangira mu mpera z'ukwezi kwa gatandatu 1992 ; kugera ubu nta cyakozwe.

Mbasabye rero, Bwana Ministri kongera kwibuka ayo masezerano no kuyashyira mu bikorwa, kuko umuryango wa nyakwigendera ukomeje kwibaza icyatumye bidakorwa.

PREFE WA PREFEKTURA,
UWIZEYE Fideli.

BIMENYESHEJWE :
- Nyakubahwa Bwana Prezida wa Repubulika
  y'u Rwanda
  KIGALI
- Nyakibahwa Bwana Ministri w'Intebe
  KIGALI
- Bwana Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  n'Amajyambere ya Komini KIGALI
- Bwana Ministri w'Amashuri Makuru n'Ubushakashatsi
  mu by'Ubuhanga KIGALI
- Bwana Ministri w'Ibidukikije n'Ubukerarugando
  KIGALI
- Madamu MUKAMUGEMA Marie Claire
  C/O Famille MBONYUMUTWA Dominique
  B.P 70 GITARAMA